D/2. Promotion des arts, de l'écriture et du droits d'auteur

— [illegible]

1998

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.**

Kigali, ku wa 7/8/98

N° 1127/.21.00

Copie DCA

Bwana Muyobozi Mukuru wa ORINFOR
**KIGALI**.

IMPAMVU : Kubyutsa amasezerano hagati ya ORINFOR n'Urwego rw'Ubutegetsi rwita ku Burenganzira bw'Umuhanzi (SRDA).

Bwana Muyobozi Mukuru,

Nkurikije itegeko-teka n° 27/1983 ryo ku wa 15 Ugushyingo 1983 rishyiraho uburenganzira bw'umuhanzi,

Nkurikije amasezerano yo gusakaza kuri Radiyo na T.V.R. ibihangano by'abahanzi hagati ya ORINFOR na Minisiteri ifite inshingano zo kurengera uburenganzira bw'abahanzi ibicishije mu Rwego rw'Ubutegetsi rwita ku Burenganzira bw'Umuhanzi (Service Rwandais de Gestion de Droit d'Auteur-SRDA/Rwandese Copyright Service),

Nkurikije ko ayo masezerano avugururwa buri myaka ibiri n'izo mpande zombi,

Nkurikije ko ayo masezerano yahagaze kubahirizwa kuva muri 1990,

Nkurikije ibyifuzo byavuye mu nama-nyungurana-bitekerezo ku burenganzira n'imibereho by'umuhanzi yabaye ku KABUSUNZU tariki za 25-27 Kamena 1998,

Nsanze, Bwana Muyobozi Mukuru, ko twakongera kubyutsa amasezerano kugira ngo twubahirize uburenganzira bw'abahanzi bacu. Nifuza ko haba Komisiyo ebyiri ziga icyo kibazo :

- Komisiyo igizwe n'abakozi bakuru ba Radiyo na T.V.R

- Komisiyo igizwe n'abakozi bakuru ba MIJESCAFOP.

Ku bitwerekeye, komisiyo ya MIJESCAFOP igizwe n'aba bakurikira :

- Bwana KABANDANA Marc, Umunyamabanga Mukuru ,
- Bwana MUKIMBIRI Jean, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni ,
- Bwana MUNYAZIKWIYE Théogène, Umukozi mu Ishami rishinzwe Uburenganzira bw'Abahanzi.

Izo Komisiyo zombi zaterana ubwa mbere ku itariki mwazatumenyesha, mukoresheje uburyo bwihuta.

Ku mugereka w'iyi baruwa mbohereje kopi z'ayo masezerano.

Mbifurije akazi keza.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA.**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

p.o.

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Itangazamakuru
**KIGALI**.